


Ni ryari abana barwaye baguma mu rugo ntibajye ku irerero cyangwa mu ishuri ribanza?




1. Umwana wawe yigeze agira umuriro, inkorora, kuribwa mu muhogo, cyangwa gufungana amazuru mu masaha 24 ashize?



- Gumisha umwana mu rugo.
- Umwana agomba gupimwa COVID-19.

Iyo umwana azana ibimyira cyangwa ibikororwa kandi akumva ameze neza, umwana ashobora kujya ku irerero/ku ishuri kandi ntabwo akeneye gupimwa COVID-19. Binareba niba umwana afite ubwivumbure bw'umubiri buzwi.


Hamagara muganga niba umwana afite inkorora kandi:



- Umwana ntabwo yifuza gukina cyangwa kugira icyo akora.
- Umwana afite umuriro, arababara imikaya, yabuze ubushake bwo kurya, yactise intege, afite isesemi cyangwa agira isereri.
- Umwana afite ibibazo byo guhumeka cyangwa ari guhumeka vuba kurusha ibisanzwe mu gihe ari kuruhuka.

Ibuka ko abana bato badashobora gusobanura uko bumva bameze, bashobora kuba hari ibyo atishimiye, hari ibyo agenderaho cyane cyangwa arakaye. Niba ufite impungenge zerekeye umwana wawe urwaye, ugomba kubimenyesha buri guhe muganga ukuvurura cyangwa serivisi z'ubuvuzi zikora mu yandi masaha atari ayakazi.

2. Ikizamini cyemeza ko afite COVID-19?



YEGO

Umwana agomba kuguma mu rugo. Umujyi ukubwira amategeko wowe n'umuryango wawe mugomba kubahiriza mu gihe urwaye..



OYA

Umwana wawe ashobora kujya mu irerero cyangwa ishuri igihe asa nk'aho ameze neza kandi akaba adafite umuriro. Umwana ashobora kujya mu irerero cyangwa ku ishuri igihe agifite ibimenyetso bidakomeye nk'ibimyira/igikororwa, gusarara cyangwa inkorora idakomeye.